



Inkingi
Forces Démocratiques Unifiées
United Democratic Forces

☎ ++(250) 728636000

✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-rwanda.com - www.victoire-ingabire.com

Kigali – Rwanda

"Pour un Etat de Droit, la Démocratie et l'Egalité de chances"; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

Kigali, kuwa 4 Gashyantare 2014.

Urukiko rw'ikirenga rukomeje gushyira amananiza mu gutanga matolewa y'urubanza rwa Madame Victoire Ingabire Umuhuza.

Nk'uko bizwi, Umuyobozi Mukuru wa FDU-Inkingi, Madame Victoire Ingabire Umuhuza, ufungiyeye impamvu za politiki kubera kutavugaga rumwe n'ubutegetsi bw'igitugu bwa Generali Pahulo Kagame, yakatiwe n'urukiko rw'ikirenga tariki ya **13 Ugushyirigwa 2013** ahabwa igihano cyo gufungwa imyaka 15. **Iki gihano cy'urukozasoni kikaba kigamijye gutera ubwoba umuntu uwo ariwe wese wakwanga kuba inkomamashyi y'ubutegetsi bwa Kigali.**

Abantu banyuranye kandi benshi bari bitabiriye isomwa ry'urwo rubanza biyumviye neza umudamu wari ukuriye inteko yaburanishijye urwo rubanza, aho yatangajye ko matolewa y'irangizarubanza (copie de jugement) izashyikirizwa ababuranyi **mu ntangiro z'ukwezi kwa mbere, umwaka wa 2014.**

Igitangajye ni uko kuva uyu mwaka watangira, abunganira Madame Victoire Ingabire badasiba ku cyicaro cy'uru rukiko rw'ikirenga, urukiko rufatwa nk'urukuriye izindi mu gihugu, basaba matolewa y'irangizarubanza. Kugeza magingo aya nta gisubizo gifatika bahabwa ku byerekeye impamvu iyo matolewa itaboneka. Bahora bacuragizwa ngo bazagaruke.

Ishyamba FDU-Inkingi ritangiye guterwa impungenge n'iyi myifatire y'urukiko rw'ikirenga yo kwimana nkana matolewa y'irangizarubanza, **ibi bikaba biri kugira ingaruka ku zindi ntambwe zigomba guterwa kandi zikaba zitaterwa hataraboneka iyi matolewa y'irangizarubanza.**

Ishyamba FDU-Inkingi rirasaba rikomeje urukiko rw'ikirenga ko rwatanga iyo matolewa **nta mananiza** nk'uko rwabisezeranije mu gihe urubanza rwasomwaga.

FDU-Inkingi

Boniface Twagirimana

Umuyobozi Mukuru wungirije w'agateganyo

☎ (+250) 728636000

✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> -

Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter:**

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>